

DISCOVER ITS BEAUTY

Igice 4

# GUSUBIZA IBIBAZO BY'INGENZI UMUNTU YIBAZA

DR. NAJI IBRAHIM



# Gusubiza Ibibazo by’ingenzi Umuntu yibaza

Isilamu isubiza ibibazo bya muntu by’ingenzi kandi bifite ishingiro, nk’ibigira biti:

- Ukuri ni ukuhe?
- Ninde waturemye?
- Ese koko Imana ibaho?
- Imana yacu nyakuri ni iyihe?
- Umuhanuzi w’Imana wa nyuma ni uwuhe?
- Ninde tugomba kugaragira?
- Turi bande?
- Kuki turi hano?
- Ese tuzapfa cyangwa?
- Ni iki kiba nyuma y’urupfu?
- Ubuzima bukurikira buzaba bumeze bute?
- Iherezo ryacu ni irihe – ni Ijuru cyangwa ni Umuriro?
- Ni gute dushobora kugera ku mahoro nyayo yo mu mutima, intsinzi, n'ibyishimo nyabyo?

**Koresha ubwenge bwawe, n’umutimanama wawe ugamije kuvumbura ukuri, maze usome witonze wicire urubanza.**


ukuhe

# Ukuri ni ukuhe?

Isilamu itubwira ko Imana imwe y'ukuri (Allah) yaremye ibyaremwe byose. Iyi Mana ikomeye (Allah) niyo yaremye abantu n'inyamaswa zose; isi n'imisozi yayo, inyanja n'inzuzi, ibimera n'amashyamba; izuba n'ukwezi, inyenyeyi, n'isanzure, amanywa n'ijoro. Ibindi bintu byose, byaba ibyo tuzi ndetse n'ibitaravumburwa, byose bibarirwa mu byo yaremye utabara ngo uzabirangize.

Allah yaremye ubuzima bwose ku isi, yaremye isanzure ryose, ariremera igihe, umwanya, imbaraga ndetse n'ibirigize. Allah akomeza isanzure n'ibirimo byose, akanagenzura ibiriberamo.

N'ubwo bimeze bityo, abantu bamwe na bamwe bavuga ko kubaho kwabo ari "AMAHIRWE" cyangwa "KAMERE!" Twifashishije Siyanse, reka dusobanure icyo baba bashaka kuvuga koko! 'Kamere' ni iki?

Uremeranya nanjye ko kamere igizwe n'ibidukikije birimo ibimera; umubumbe, ibibaya n'imisozi, inyanja n'inzuzi; isi, izuba, ukwezi, inyenyeri, n'ibindi? None se ibyo bintu byariremye? Nonese nibyo byaremye abantu?

Qur'an ntagatifu iratubwira iti:

**"Yemwe bantu! Nimusenge Nyagasani wanyu wabaremye, mwe n'abababanjirije; kugira ngo mumugandukire"**. (2: 21)

**"Yaremye isi n'ijuru mu kuri."** (39: 5).

**"Niwe waremye ijoro n'amanywa, n'izuba n'ukwezi."** (21: 33).

# ALLAH
## NI WE MANA
# Y'UKURI

Kenshi, abizera kamere bavuga ko batizera Imana kubera ko ngo batayibona, batayikoraho cyangwa ngo babe bayikoraho ubushakashatsi!

Mu myaka mike ishize, muri Oregon, ho muri Leta zunze ubumwe za Amerika, umuturanyi wanjye wari ugeze mu zabukuru yaransuye iwanjye. Twaganiriye kuri byinshi, kimwe muri byo harimo ibijyanye n'Imana. Ubwo yahakanaga ukubaho kw'Imana, yahonze ku kameza k'icyayi, avugana amarangamutima agira ati: "Nemera ko aya meza ariho kuko mbasha kuyakoraho… nkanayumva!"

Ubwo narimo ngerageza kumusobanurira, natunze urutoki ku itara ryari mu cyumba maze ndamubaza nti: "Wemera ko habaho umuriro w'amashanyarazi?" Aransubiza ati: "Cyane rwose", ndamubaza nti: "None se uwo muriro cyangwa se imbaraga zitanga urumuri rw'itara urazibona?" ati: "oya", ndongera ndamubaza nti: "Ese wigeze ubonesha amaso yawe umwuka duhumeka? Ese ugira ibyiyumviro? None byaba bisa bite? Ishusho yabyo iteye ite? Ingano yabyo yo ni iyihe? Nti: Ese ibitotsi ni iki? Ese bisa bite, cyangwa se bingana bite mu buremere? Ese ni bingahe twemera ko bibaho kandi mu by'ukuri tutabasha kubibona?

Ikindi gihe nabwo nahuye n'umugabo ukiri muto witwa Chris, yari kumwe n'umugore we kuri Hoteli muri Oslo, mu gihugu cya Noruveje. Ubwo twiganiriraga bya gishuti, nabajije Chris nti: "Ese intego y'ubuzima yaba ari iyihe?" Byaramutunguye ndetse aranatangara cyane maze aravuga ati: "Ni ubwa mbere mu buzima bwanjye nakumva ikibazo nk'icyo!" Ati: "Ndacyeka ko ubuzima bwanjye nta ntego bufite", arangije ati: "Nta n'ubwo njyewe nizera Imana rwose!" Nuko mubaza impamvu, maze aransubiza ati: "Nuko ntayo nigeze mbona kuva navuka kugeza ubu!" Maze mubaza mwenyura ngira nti: "None se ukunda umugore wawe?"



None se urukundo umukunda ruragaragara? Rwaba rufite irihe bara? Ese rupima ibiro bingahe?” Wakwibaza uti Chris n’umugore we bifashe bate? Biratangaje! Mu by’ukuri, kutabasha kubona urukundo no kutabasha kuba warupima ngo umenye ibiro rufite cyangwa ibara ryarwo, ntibyatuma umuntu avuga ko rutabaho!

Ku bw’ibyo rero, kuba tutabasha kubona Imana (kubera ubushobozi bucye bw’amaso yacu, ntitunabashe kwiyumvisha ubuhambare bwayo), ntibikwiye gutuma duhakana ukubaho kwayo.

Kubaho kw’Imana kurigaragaza kandi biroroshye kubibona binyuze mu bimenyetso bitabarika ndetse no mu bihamya bigaragarira mu byo yaremye byinshi nka za atome, ingirabuzima fatizo, ingirangingo, n’imitsi, no muri buri wese ndetse na buri kintu cyose yaremye.

Ibihumbi by'abahanuzi b'Imana (bamwe gusa amazina yabo azwi), hamwe na miliyari z'abayoboke babo mu mateka y’abantu, bemeje ko Imana ibaho. Ese byaba ari byo cyangwa se byaba byumvikana kwirengagiza ubuhamya bw’aba bantu n’ibimenyetso bitabarika, tugashyigikira 'siyanse' yonyine, mu gihe mu by’ukuri inyigisho za siyanse zisobanura isanzure gusa maze ntizibaze ngo ni iki cyangwa ninde waremye iryo sanzure akanarigira uko iri?

Mu by’ukuri, ibimenyetso bya siyanse byerekana ko itandukaniro ry’isanzure yacu ryabayeho ku bw'amahirwe, ko mu by’ukuri ari ibintu bitangaje, nyamara 'amahirwe' ni cyo gisobanuro cyonyine abahakanamana bashobora gutanga ku kubaho n’inkomoko y’isi; ku bwabo bumva ko ari uko biteye.

Niba ari uko rero, ngaho tekereza ku cyaba gifite inyurabwenge kurusha ikindi: kuba ibiriho byose biyobowe n’amahirwe ya buhumyi, cyangwa se kuba isanzure riri uko riri kubera ko ryaremwe kandi rigengwa n’Imana?



# Tekereza kuri ibi bibazo:

- **Ese isanzure ryaba ryararemwe n'Umuremyi w'Umunyabwenge cyangwa ryabayeho ku bw'amahirwe?**

- **Ese siyanse cyangwa igitekerezo cy'uruhererekane rw'ibintu muri byo hari igihinyura ukubaho kw'Imana?**

Biroroshye kumenya ukuri muri Isilamu. Hariho Imana y'ukuri imwe rukumbi, yaremye ikaba inita ku biri mu isanzure (Nyiricyubahiro n'ubuhambare). Nta n'umwe cyangwa icyo ari cyo cyose dukwiye kumva ko gisumba cyangwa se ko kireshya n'Imana. Imana y'ukuri imwe rukumbi (Allah), yaturemeye kuyimenya no kuyisingiza tutayibangikanya.

Babandi bayisingiza bya nyabyo, bagakurikiza amategeko yayo uko yakabaye, bazahabwa ubuzima buzira iherezo mu Ijuru.
Naho bamwe basuzugura Imana, bagakurikira irari ryabo ry'ikibi n'ibyifuzo bibaganisha ku byaha, bakannyega bakanasuzugura abandi, abo bazinjizwa mu … Ngaho mbwira, uracyeka ari he bazinjizwa?

Twagera ku munezero nyawo n'amahoro y'umutima ari uko **twemeye Imana imwe rukumbi (Allah) tukanayicishaho bugufi**.


الله أكبر
Allah niwe mukuru

# Imana y'ukuri ni iyihe?

Isilamu isubiza neza cyane iki kibazo, ikanatanga ibisobanuro birambuye kuri kamere yihariye n'ibisingizo by'Imana y'ukuri imwe rukumbi. Qur'an ntagatifu iragira iti:

**"1.Vuga (yewe Muhamadi) uti "We ni Allah, umwe Rukumbi," 2. Allah, Uwishingikirizwa, 3. Ntiyabyaye kandi ntiyanabyawe, 4. Ndetse nta na kimwe ahwanye na cyo.** (Qur'an 112: 1-4)

Iki ni igice cyuzuye cya Qur'an ntagatifu. Iki gice gihebuje gitanga ukuri mu buryo buhinnye ku byerekeye Imana imwe (Allah) na kamere yayo ya nyayo; kirasubiza neza ibibazo by'ingenzi bitera urujijo abantu babarirwa muri za miriyoni.

Bimwe mu bisingizo bya Allah biyitandukanya n'ibindi bivugwaho kuba imana ni ibi bikurikira:

- Iyi Mana imwe y'ukuri ni Umuremyi; ntiyaremwe kandi ntiyabyawe.
- Iyi Mana imwe y'ukuri ni Imwe rukumbi. Nta mufasha igira nta n'uwo igereranywa na we.
- Iyi Mana imwe y'ukuri ntabwo tubasha kuyibona mu gihe tukiri muri ubu buzima.
- Iyi Mana imwe y'ukuri ntabwo igaragara cyangwa ngo igire icyo isa na cyo mu byo yaremye.
- Iyi Mana imwe y'ukuri ntigira iherezo; ntipfa ntinahinduka. Izahoraho iteka ku bwacu.
- Iyi Mana imwe y'ukuri ntacyo ikenera nta n'uwo ikenera, nka mama, umugore cyangwa se umwana; ntikenera ibiribwa, ibinyobwa cyangwa se ubufasha ubwo ari bwo bwose. Ahubwo ibindi byose birayikenera.
- Iyi Mana imwe y'ukuri yihariye ibisingizo. Nta kindi kimeze nkayo, nta muntu cyangwa inyamanswa yagereranywa na yo.



# Ni Gute Twabona Amahoro Yo Mu Mutima?

Mu byukuri, Isilamu izi kamere ndemano yacu ikanasubiza ibibazo byacu. Ivuga ku bugingo bwacu, kuri roho, ku bwenge ndetse no ku byo dukeneye. Allah we uzi amabanga n'ibitekerezo byimbitse mu bugingo bwacu, mu bitekerezo byacu, no mu mitima yacu, aduhishurira amabanga azana ituze no kunyurwa kuri byo. Izi nizo mfunguzo n’amabanga adufasha kugera ku mahoro y’umutima:

1) Kumenya Imana yawe y’ukuri, imwe rukumbi (Allah).

2) Kuyizera yonyine.

3) Gukurikiza ubushake bwayo no kuyumvira.

4) Kwemera Intumwa zayo (harimo n’Intumwa Muhamadi).

5) Kuyizirikana.

6) Kuyicuzaho.

7) Kuyisingiza utayibangikanya.

8) Kwifuriza abandi ibyo nawe wiyifuriza.

9) Kugirira Ubuntu abandi no kugerageza gutuma banezerwa.

10) Kuba inyangamugayo no kubaha Imana.



# Muri macye...

Aya mabanga yo kugera ku mahoro y'umutima, ituze n'umunezero, ndetse n'amahoro ya roho, ay'imibanire n'amahoro rusange, ni umutungo uhebuje uboneka muri Qur'an no mu magambo y'Intumwa y'Imana Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha).

Muri macye, Isilamu isubiza ibibazo by'abantu by'ibanze kandi bifite ishingiro, ikanatwigisha ibinyujije mu isoko yizewe – ari yo Qur'an ntagatifu ndetse n'amagambo y'Intumwa y'Imana Muhamadi – kugira ngo tugire amahoro y'umutima, umunezero no kurokorwa binyuze mu kumenya no kwizera Imana y'ukuri imwe rukumbi, ku bushake kandi tubikuye ku mutima.

Tugomba no kwemera Intumwa z'ukuri z'Imana (harimo n'Intumwa Muhamadi) tukanakurikiza umuyoboro n'inyigisho zazo.



# Imvugo n'amazina by'ibanze bikoreshwa muri Isilamu.

**Allah:** Mu cyarabu, Allah ni izina bwite ry'Imana y'ukuri imwe rukumbi, Umuremyi. Isilamu yigisha ko Allah ari Imana y'ukuri ku bantu bose. Abayahudi n'abakirisitu b'abarabu bakoresha iri zina (Allah) iyo bashaka kuvuga Imana, ni naryo jambo rikoreshwa havugwa Imana muri bibiriya zanditse mu cyarabu.

**Muhamadi** (Amahoro n'imigisha by'Imana bibe kuri we)**:** ni we ntumwa ya nyuma y'Imana y'ukuri imwe rukumbi (Allah); yoherejwe ku bantu bose.

**Qur'an ntagatifu:** Ni ryo jambo rya nyuma ry'Imana y'ukuri imwe rukumbi (Allah), nk'uko byahishuwe n'Intumwa y'Imana Muhamadi.

**Isilamu:** Kwicisha bugufi munsi y'ubushake bw'Imana y'ukuri imwe rukumbi (Allah), Umuremyi.

**Umuyisilamu:** Uwicisha bugufi munsi y'ubushake bw'Imana y'ukuri imwe rukumbi (Allah), Umuremyi.

**Umusigiti (Masjid):** Ni aho abayisilamu basengera hatagatifu kandi hasukuye, ndetse bakanahasingiriza Allah.



Allah mu rurimi rw'icyarabu



Umuyisilamu uri kugaragira Allah



Qur'an Ntagatifu



Izina Muhamadi mu rurimi rw'icyarabu

# Waba ufite amatsiko?

Niba ufite amatsiko ukaba unanyotewe no kumenya byinshi kuri Isilamu mu buryo burambuye, gerageza usure izi mbuga zacu zikurikira:

**www.discoveritsbeauty.com**

Ntutinye no kutwandikira utubaza cyangwa uduha ibitekerezo byawe kuri imeyili (e-mail):

**info@discoveritsbeauty.com**

## IMBUGA ZA MURANDASI ZA ISLAM ZAGUFASHA:

http://www.allahsquran.com
http://www.quranexplorer.com
http://www.islamhouse.com
http://www.edialogue.org
http://www.islamreligion.com
http://www.newmuslimguide.com

## URUHEREREKANE RW'UDUTABO TWA VUMBURA UBWIZA BWABWO MU MINOTA 7:

1. **Agatonyanga mu nyanja**
2. **Idini rya Adamu na Eva**
3. **Byinshi kuri Islam**
4. **Gusubiza ibibazo by'ingenzi umuntu yibaza**
5. **Amazina ye (Allah) meza**
6. **Ubuhanuzi bwa nyuma**
7. **Intumwa ya nyuma**

# UBUHAMYA BW’UKWEMERA
## (AMAREMBO AKWINJIZA MURI ISLAM)

«Ndahamya ko nta yindi mana ibaho uretse Allah, nkanahamya ko Muhamadi ari Intumwa ya Allah».


Mu cyarabu basoma ngo:

أشهد أن لا إله إلا الله وأشهد أن محمدا رسول الله

Ari byo bivuga ngo:

**ACH-HADOU ALLA ILAHA ILLA ALLAH WA ACH-HADOU ANNA MOHAMADANE RASSOULOULLAH.**

Ubu ni ubuhamya bw’ukwemera umuntu aba agomba kuvuga kugira ngo abe Umuyisilamu; bubumbiye hamwe ukuri, ubwiza n’ukoroha kwa Isilamu.






GLOBAL ACADEMY FOR TRANSLATION AND EDUCATION (GATE)
LONDON | THE UNITED KINGDOM

كتاب الإجابة عن تساؤلات البشرية الحاسمة باللغة الرواندية